# URWANDIKO-KITONDERWA RWA PENITENSIYERIYA APOSTOLIKI KU KAMARO K'URUKIKO RW'IBY'IBANGA N'UBUTAVOGERWA BW'IBANGA RYA PENETENSIYA.

«Igihe Umwana w'Imana yigize umuntu yiyunze ku buryo ubu n'ubu na buri muntu»[1]; mu bimenyetso n'amagambo bye, yerekanye agaciro gakomeye n'ubutavogerwa bwa muntu; muri we ubwe, haba mu rupfu no mu izuka bye, yavuguruye muntu w'igisazira (wari waraheranywe), atsinda umwijima w'icyaha n'uw'urupfu; abamwemera yabunze na Se; igihe Roho Mutagatifu amanutse yatagatifuje Kiliziya yo muryango w'abemera ukaba n'umubiri we nyakuri akaba yaranayihaye ku bubasha bwe bwite bya gihanuzi, bwa cyami n'ubwa gisaseridoti, kugira ngo ikomeze kubera isi ikimenyetso n'ubutumwa bye bwite, yamamaza ukuri ku bantu b'ibihe byose, ikabayobora ku rumuri rwe rw'agatangaza, igafasha ko ubuzima bwabo bwakorwaho bya nyabyo maze bugahinduka.

Muri iki gihe cy'imihihibikano ikabije cy'amateka ya muntu, umuvuduko w'iterambere mu by'ubuhanga n'ubumenyi ntacyo ugaragaza mu iterambere ry'imibereho mbonezamyifatire na mbonezamubano, ahubwo hagaragara mu kuri kw'impamo ukudindira k'umuco karande n'imyifatire mbonezabupfura, kwibagirwa Imana – cyangwa se kugatera inkeke – kugenda ahubwo kudashobora kumenya no kubaha muri buri cyikiro na buri rwengo iby'ingenzi bigize ukubaho kwa muntu, kimwe n'ubuzima bwa Kiliziya ubwabwo.

«Niba iterambere mu by'ubuhanga ritajyanye n'iterambere ryigisha imibereho mbonezamuco ya muntu, n'ugukura kwa muntu muri we […], ibyo ntibyaba ari iterambere ahubwo ni ibyugarije muntu n'isi»[2]. Kimwe no mu rwego rw'itumanaho ryaba iryigenga cyangwa irikorwa n'ibitangazamakuru yongera amahirwe y'ubuhanga, ariko hatarimo urukundo rw'ukuri, no gushishikazwa no kukugeraho, nta n'igisobanuro cy'inshingano imbere y'Imana n'abantu; bigaragaza ukutajyana guhangayikishije hagati y'ibikenerwa n'ubuhanga. Umuvuduko mu by'itumanaho urashusha nk'aho ubangamiye ukuri kandi, bityo ku buryo bw'ingaruka, ukarwanya Imana, ukarwanya n'umuntu; ukarwanya Yezu Kristu, Imana yigize umuntu, ndatse na Kiliziya, yo imuhagarariye mu mateka no mu mibereho ya buri munsi.

Muri iyi myaka iheruka hakwirakwijwe igisa n'"inkeke" y'itumanaho ridashingira ku nkuri mpamo cyangwa ku kamaro kayo, ku buryo urwego rw'itumanaho rusa nk'urushaka gusimbura ukuri kw'ibiriho kukagena uko ibintu bimeze cyangwa kukagoreka imyumvire yabyo. Nyamara imigenzereze nk'iyi, ishobora gufatwa ku buryo buteye inkeke nk'icyorezo, nta rukingo igira, umuryango bwite wa Kiliziya, iba mu isi kandi, usanga rimwe na rimwe, yikoreye ingaruka. Kenshi na kenshi n'abemera usanga batakaza imbaraga nyinshi mu gushaka "inkuru" – cyangwa mu by'ukuri bakishakira cyane "byacitse" – ibi bikora ku marangamutima n'imitekerereze imwe n'imwe ya rubanda, bikagira umugambi n'intego bihabanye rwose na kamere mana-muntu ya Kiliziya. Ibyo

---

[1] INAMA NKURU YA VATIKANI II, Inyandiko-nshingiro nkenurabushyo kuri Kiliziya mu isi y'iki gihe *Gaudium et spes* (7 Ukuboza 1965), n. 22.
[2] BENEDIGITO XVI, Urwandiko *Spe salvi* (30 Ugushyingo 2007), n. 22.

byose ni imbogamizi zikomeye ku kwamamaza inkuru nziza mu byaremwe byose n'imbogamizi ku bisabwa mu iyogezabutumwa. Ningombwa kwemera mu bwiyoroshye ko urugaga rwa gisaseridoti, kugeza mu nzego zarwo nkuru, narwo rwaranzwe n'iyo migenzereze.

Hari abitwaza mu by'ukuri uguca imanza gushingiye ku myumvire ya rubanda nk'aho ari urukiko rw'ikirenga, ugasanga kenshi na kenshi hashyizwe hanze amakuru y'ingeri zose, yerekeranye n'ubuzima bwite cyangwa agenewe bamwe na bamwe, usanga mu buryo ndakumirwa agusha ku buzima bwa Kiliziya, bityo agatuma habaho – cyangwa agashyigikira – ica ry'imanza zihutiyeho, zikangiza ku buryo butubahirije amategeko no ku buryo ndasubirwaho izina ry'undi, kimwe n'uburenganzira bwa buri muntu bwo kubungabunga ubuzima bwite (reba ingingo ya 220 y'Igitabo cy'amategeko ya Kiliziya). Amagambo ya Pawulo ku Banyagalati arumvikana ku buryo bwihariye nk'aya none mu rusobe nk'urwo: «Mwebweho bavandimwe mwahamagariwe kubaho mu bwigenge. Cyakora ubwo bwigenge ntibube urwitwazo rwo kubaho hakurikijwe umubiri […]. Ariko niba muryana kandi mugaconcomerana, muramenye nibura mutazarimburana bamwe kubandi!» (Gal 5, 13-15).

Muri urwo rwego birasa nk'aho ugukeka guhangayikishije kandi kunyuranye n'ukuri kwashinze imizi ku birebana na Kiliziya Gatolika, ifite imibereho yagaragajwe mu buryo mbonezamuco ikongera kumvikana mu buryo mbonezamubano, ku ruhande rumwe, hagendewe ku makimbirane ashobora kuboneka mu nzego nyobozi ubwazo, ku rundi ruhande, hagendewe ku mahano ya vuba aha y'ihohoterwa, yakozwe ku buryo buteye ubwoba na bamwe mu basaseridoti. Uko gukekeranya, ukwibagirwa kwa kamere nyayo ya Kiliziya, n' amateka yayo y'umwimerere n'ukubaho kwayo kw'impamo, kubangamira uruhare yahoranye n'ubu igira mu mibereho y'abantu, kuboneka rimwe na rimwe mu "rwitwazo" rudasobanutse ko Kiliziya ubwayo, mu bintu bimwe na bimwe, igomba gusanisha amategeko ayigenga n'amategeko ya gisiviri y'ibihugu ibamo, nk'uburyo bwonyine bushoboka "bwizewe" buciye mu mucyo kandi buboneye.

Bitewe n'impamvu y'ibyo byose, Penitensiyeriya Apostoliki yasanze bikwiye kugira icyo ikora, yifashishije uru rwandiko-kitonderwa, kugira ngo ishimangire akamaro kandi irusheho kumvikanisha neza amabango arebana n'itumanaho bwite rya Kiliziya na mbonezamubano, aho muri iki gihe agenda asa n'ahabanye n'imitekerereze ya benshi ndetse rimwe na rimwe agahabana n'amategeko ya gisivili: Ibanga rya penetensiya, ubwizige bushingiye ku rukiko rw'iby'ibanga bitari amasacramentu, ibanga ry'akazi, ibiranga n'imipaka bwite ya buri tumanaho.

## 1. Ibanga rya penetensiya

Hambere aha, avuga ku bijyanye n'isakaramentu ry'Imbabazi, Papa Fransisiko yagombye gushimangira ubudahungabanywa n'ukutifashishwa kw'ibanga rya Penetensiya: «Ukwicuza ibyaha ukwako ni ikintu cyiza ubuhanga bwa Kiliziya bwabungabunze iteka n'imbara zayo zose zaba mbonezamyifatire zaba nyamategeko yifashishije Ibanga rya penetensiya. Ubwaryo n'ubwo ritinjira mu mitekereze y'iki gihe, ni ndasimburwa

k'ubw'utagatifuzwe bw'isakramentu no k'ubw'ubwigenge bw'umutimanama w'uwirega ibyaha; we ugomba kuba azi neza ko ikiganiro cyo mu ntebe ya penetensiya ari ibanga rya penetensiya, hagati y'umutimanama we n'inema y'Imana n'ubuhuzwe bwa ngombwa bw'umusaseridoti. Ibanga rya penetensiya ntirihungabanywa kandi nta bubasha na bumwe bwa muntu burifiteho ijambo, ndetse ntibushobora no guharanira kuribugiraho»[3].

Ukugirirwa ibanga kudahungabana k'ukwirega ibyaha guturuka ku buryo butaziguye ku itegeko ry'Imana ryahishuwe, kugashinga imizi muri kamere ubwayo y'isakramentu ku buryo nta rengayobora na rimwe ryabaho bikozwe na Kiliziya, cyangwa se urwego rwa gisiviri. Mu ihimbaza ry'isakramentu ry'imbabazi hakubiyemo mu by'ukuri kamere bwite y'ubukirisitu n'iya Kiliziya: Umwana w'Imana yigize umuntu kugira ngo adukize maze yiyemeza kwifashisha Kiliziya, "nk'igikoresho cya ngombwa" muri uwo murimo w'umukiro, muri yo kandi, akifashisha abo yatoranyije, akabahamagara maze akabashyiri kuba abafasha be.

Mu gusobanura ukuri kw'ibi, iteka Kiliziya yigishije ko abasaseridoti, mu ihimbaza ry'amasakramentu, babikora "*in persona Christi capitis*", bisobanuye muri ngenga ya Kristu umuyobozi: «Yezu atwemerera gukoresha "njye" ye, tuvuga muri "njye" ya Kristu, Kiristu "aduhuriza muri we", maze akadushoboza kunga ubumwe, akatwunga kuri "njye" ye. […] Ni ubwo bumwe na "njye" ye bwuzurizwa mu ijambo ry'iyeguriramana. Kimwe no muri "nanjye ngukijije ibyaha" – kuko nta n'umwe muri twe ushobora gukiza ibyaha – ni "njye" yonyine ya Kristu, y'Imana ishobora gukiza ibyaha»[4].

Umunyabyaha wese ugana umusaseridoti kugira ngo yicuze ibyaha bye bwite, ahamya atyo iyobera rikomeye ry'ukwigira umuntu kwa Yezu n'imimerere ndengakamere ya Kiliziya n'iy'ubusaseridoti nyobozi, bwo Kristu wazutse akoresha kugira ngo ahure n'abantu, bigakora ku buzima bwabo ku buryo bw'ikimenyetso – ni ukuvuga mu buryo bw'ukuri – maze akabakiza. Kubera iyo mpamvu, gusigasira ibanga rya penetensiya k'utega amatwi ibyaha, ndetse bibaye ngombwa *usque ad sanguinis effusionem* (kugeza kw'imena ry'amaraso bwite), bigaragaza "mu kuri kw'ibintu" ko atari gusa igikorwa cya ngombwa mu maso y'umunyabyaha wicuza, ahubwo ku buryo burushijeho: ubuhamya bwa ngombwa – "ubumaritiri" – butanzwe ku buryo butaziguye kubera umukiro umwe rukumbi rusange wa Kristu na Kiliziya[5].

Ibigize ibanga ubu bikubiye kand bigenwa n'ingingo 983-984 n'iya 1388, igika cya 1 z'igitabo cy'amategeko ya Kiliziya (CIC) no kuva gu ngingo ya 1456 y'igitabo cy'amategeko ya za Kiliziya z'iburasirazuba (CCEO), ndetse kuva ku n. 1457 ya *Gatigisimu ya Kiliziya Gatolika*, ahasomwa ku buryo bwumvikana atari uko Kiliziya "ibigena", ishingiye ku bubasha bwayo bwite, ahubwo ndetse ko yo ubwayo itangaza – nukuvuga ko yemeza ko ari impano idatubye, ko rwose ikomoka ku butagatifuzwe

---

[3] FRANCESCO, *Imbwirwaruhame y'abakurikiranye isomo ku nshuro ya 30 ku bijyane n'urukiko rw'iby'ibanga ryateguwe na Penitensiyeriya Apostoliki* (29 Werurwe 2019).
[4] BENEDIGITO XVI, *Ikiganiro n'abasaseridoti* (10 Kamena 2010).
[5] Reba IBIRO BYA PAPA BISHINZWE AMAHAME N'UKWEMERA, *Icyemezo Dominus Iesus kivuga ku mukiro umwe rukumbi rusange wa Yezu Kristu na Kiliziya* (06 Kanama 2000).

bw'isakaramentu ryashyizweho na Kristu – «ko buri musaseridoti utega amatwi ukwirega ibyaha ategetswe, bitaba ibyo agahanwa bikomeye, kugira ibanga gukomeye cyane ryerekeranye n'ibyaha abamwicujijeho bamubwiye».

Utega amatwi ukwicuza ntiyemerewe, na rimwe ku mpamvu iyo ariyo yose, «kugambanira uwicujije mu magambo cyangwa ku bundi buryo ubwo aribwo bwose» (ingingo ya 983, igika cya 1 CIC), ni kimwe nk'uko «bibujijwe rwose ku utega amatwi ukwicuza kwifashisha ibyo yamenyeye muri uko kwicuza ku buryo byabangamira uwicujije bityo ingorane zo kumena ibanga izo arizo zose zirabujijwe» (ingingo ya 984, igika cya 1CIC). Nyuma yaho, inyigisho z'abahanga zunganiye ku gucengera ku buryo bunoze ibikubiye mu ibanga rya penetensiya, bikaba bigizwe n'«ibyaha byose byaba iby'uwireze ku giti cye cyangwa iby'abandi byamenyekanye bivuzwe n'uwireze, byaba ibikomeye cyane cyangwa se ibyoroheje, byaba bitazwi cyangwa bizwi na bose, mu gihe byagaragajwe ari mu rwego rwo kubikizwa ni ukuvuga byamenywe n'utega amatwi ukwicuza bitewe n'ubumenyi yagiriye mu isakramentu»[6]. Ku bw'ibyo rero, ibanga rya penetensiya rireba icyo aricyo cyose uwicujije yireze, n'iyo utega amatwi ibyaha atagomba gutanga abusorusiyo: igihe abusorusiyo itafata cyangwa bitewe n'indi mpamvu abusorusiyo ntibe yatangwa, ibyo aribyo byose ibanga rya penetensiya rigomba kubahirizwa.

Mu by'ukuri, umusaseridoti amenya ibyaha by'uwicuza «*non ut homo, sed ut Deus* – atari nk'umuntu, ahubwo nk'Imana»[7], ku buryo we rwose "atazi" ibyo yabwiwe mu ntebe ya penetensiya, kuko aba atabyumvise nk'umuntu ahubwo, birumvikana, mu izina ry'Imana. Utega amatwi ikwicuza ashobora, kubera iyo mpamvu, no "kurahirira", nta no gushidikanya mu mutimanama we, "kutamenya" ibyo azi kubera gusa ko ari umugaragu w'Imana. Bitewe n'imiterere y'umwihariko waryo, ibanga rya penetensiya rigeza ndetse aho ribohera utega amatwi ibyaha "muri we", kugeza aho abuzwa kwibuka ku bushake ibyicuzijwe ndetse agasabwa gusiba ukwibuka uko ariko kose kuje atabishaka. Buri muntu wamenye ibyaha byicujijwe mu buryo ubwo aribwo bwose, ategetswe kugira ibanga ku bifite aho bihuriye n'ibanga rya penetensiya: «Ku itegeko ryo kubika ibanga, abagomba kubyubahiriza ni na none umusemuzi, iyo ahari, n'abandi bose bagize uko bamenya ibyaha byicujijwe ku buryo ubwo aribwo bwose» (ingingo ya 983, igika cya 2 CIC).

Ukubuzwa gukomeye guteganywa n'ibanga rya penetensiya guteye ku buryo umusaseridoti abujijwe gukomoza ku bikubiye mu byicujijwe yewe hagati ye n'uwireze ibyaha ubwe, hanze y'isakramentu, «uretse igihe ku buryo bweruye, bidasabwe byaba byiza kurushaho, bitangiwe uburenganzira n'uwireze ibyaha»[8]. Kubera iyo mpamvu, ibanga rya penetensiya ribuza na ndetse uruhare rw'iwicuza, ko igihe hahimbajwe isakramentu atagira ububasha bwo gukuriraho utega amatwi ikwicuza itegeko ryo kugira ibanga, kubera ko izo nshingano zikomoka ku buryo butaziguye ku Mana. Kurinda ibanga rya penetensiya n'ubutagatifuzwe bw'ukwirega ntibishobora na rimwe kugira aho bihurira

---

[6] V. DE PAOLIS – D. CITO, *Le sanzioni nella Chiesa. Commento al codice di diritto canonico. Libro VI*, Urbaniana University Press, Umurwa wa Vaticani 2000, p. 345.

[7] TOMASI W'AQUINO, *Summa Theologiae, Suppl.*, 11,1 ad 2.

[8] YOHANI PAWULO II, Urwndiko-mpwituzi rwa gishumba rukurikira sinodi *Reconcilitio et paenitentia* (2 Ukuboza 1984), n. 31.

n'ikibi mu buryo ubwo aribwo bwose, ahubwo byerekana ko ari umuti nyawo umwe rukumbi w'ikibi cyugarije muntu n'isi yose; ni uburyo bw'ukuri bushoboka bwo kwirundumurira mu rukundo rw'Imana, bwo kwicuza no kwemera guhindurwa n'urwo rukundo, mu kwiga kwisanisha na rwo mu buryo bugaragara mu buzima bwite. Imbere y'ibyaha bigaragaza urugero rw'igicumuro, ntibyemewe gutegeka uwirega ibyaha, nk'impamvu yo guhabwa abusorusiyo, kujya kwirega mu butabera bwa gisiviri, bigendeye ku ihame karemano, rikurikizwa muri buri bwoko bw'amategeko, rigira riti: «*nemo tenetur se detegere*» (ntawe utegetswe kwivamo). Ku rundi ruhande, ariko, "imiterere" ubwayo y'isakramentu ry'ubwiyunge isaba ukwicuza kwa nyako nk'imamvu ya ngombwa kugirango isakramentu ribeho, hamwe n'icyemezo gihamye cyo kwisubiraho no kutongera gukora ibyaha byahise. Mu gihe haje kwirega uwagiriwe nabi n'undi, biri mu nshingano y'utega amatwi ibyaha kumusobanurira ibyerekeranye n' uburenganzira bwe n'ibyerekeranye n'ibyo yakifashisha mu mategeko kugira ngo abe yakwiyambaza inkiko za gisiviri cyangwa iza Kiliziya no gusaba kurenganurwa.

Buri gikorwa cya politiki cyangwa igerageza mu buryo bw'amategeko rigamije "kuvogera" ubudahungabanywa bw'ibanga rya penetensiya ni icyaha kitakwihanganirwa kibabangamiye *libertas ecclesiae* (ubwigenge bwa Kiliziya), aho budakenera ko za Leta zibutanga, ahubwo butangwa n'Imana; byaba ari na none guhutaza ukwishyira ukizana kw'imyemerere, ko shingiro, mu buryo bw'amategeko, ry'ubwigenge ubwo ari bwo bwose, haba ubwigenge bw'umutima nama wa buri mwenegihugu, ari uwirega ibyaha ari n'ubitega amatwi. Kuvogera ibanga rya penetensiya byahwanywa no kuvogera umukene uri mu munyabyaha.

## 2. Urukiko rw'iby'ibanga bitari amasakramentu n'ubujyanama bwa roho.

Mu rwego rw'amategeko na mbonezamyitwarire ku birebana n'urukiko rw'iby'ibanga habarirwamo "urukiko rw'iby'ibanga bitari amasakramentu", igihe cyose rukaba rukorera mu muhezo, ariko bikabera hanze y'isacramentu rya penetensiya. Naho Kiliziya ihakorera ubutumwa bwayo ikanahagira ububasha bukiza: atari mugukiza ibyaha, ahubwo mu gutanga inema z'Imana, ikuraho ibihano by'amategeko (urugero nk'ibihano biremereye bituma umuntu ahinduka) kandi ikita ku cyo aricyo cyose gitagatifuza abantu kandi, ku bw'ibyo, bikaba ari urwego bwite rwihariye rw'ibanga rya buri mukristu.

Urukiko rw'iby'ibanga bitari amasakramentu rugizwe na none ku buryo bwihariye n'ubujyanama bwa roho, aho umukristu ku giti cye asangiza umusaseridoti runaka, uwihaye Imana cyangwa se umurayiki ubuzima bwe bwo guhinduka n'ubwo kwitagatifuza.

Umusaseridoti akora bene ubwo ubutumwa abikesha kuba afite ubutumwa bwo guhagararira Kristu, yaherewe mu isakramentu ry'Ubusaseridoti akabikora mu bumwe bwuhahiriza inzego nyobozi za Kiliziya, ashingiye ku cyo bita *tria munera* (inshingano nyabutatu): inshingano yo kwigisha, gutagatifuza no kuyobora. Abarayiki babikora bagendeye ku busaseridoti bakesha Batisimu no ku ngabire bahabwa na Roho Mutagatifu.

Mu bujyanama bwa roho, umukristu arikingura ku bwende maze akabwira umuyobozi we wa roho ye amabanga amuri ku mutima, kugira ngo afashe kandi ashyigikirwe biturutse muri uko gutega amatwi no kuzuza ugushaka kw'Imana.

Kubera iyo mpamvu, uru rwego rwihariye narwo, rukeneye kubamo ibanga riteye ukwaryo kurenze, rifite aho rihuriye n'ikiganiro cya roho kandi rikomoka ku burenganzira bwa buri muntu bwo kugirirwa ibanga (reba ingingo ya 220 CIC). Ku buryo gusa bwo "kugereranya" n'ibibera mu ntebe ya penetensiya, umuyobozi wa roho, ntabwo yemerewe kwinjira mu mutimanama w'umukristu bitewe n'isano "yihariye" afitanye na Kristu, akomora ku buzima buzira ubwandu kandi – niba ari uri mu nzego za gisaseridoti – ayikomora ku isakramentu ry'ubusaseridoti ubwaryo yahawe.

Bishingiye ku buhamya burebana n'ibanga ryihariye rirebana n'ubujyanama bwa roho, ni ngombwa kwita ku bibuzwa n'amategeko, bitari gusa kutagisha inama utega amatwi ibyaha, ahubwo na none kutagisha inama umuyobozi wa roho, mu gihe hakenewe kwemerera umuntu gushyirwa mu rwego uru n'uru rw'ubusaseridoti cyangwa, mu buryo bunyuranye n'ubwo, bashaka kwirukana abafratri mu iseminari biteguraga guhabwa ubusaseridoti (reba ingingo ya 240, igika cya 2 CIC; ingingo ya 339, igika cya 2 CCEO). Mu buryo bumwe, amabwiriza *Sanctorum mater* yo muri 2007, arebana n'anketi zikorerwa ku rwego rwa diyosezi cyangwa rwa eparikiya mu bijyanye n'ishyirwa mu Rwego rw'Abatagatifu, ntabuza gusa ko mu batangabuhanya hajyamo abatega amatwi ibyaha, mu rwego rwo kurinda ibanga rya penetensiya, ahubwo abuza na none abayobozi ba roho ubwabo b'Umugaragu w'Imana, kimwe n'ibyavuzwe birebana n'urukiko rw'iby'umutimanama, n'ubwo bitandukanye n'ibikorerwa mu kwicuza ibyaha kubera mu ntebe ya penetensiya[9].

Uku kugira ibanga kwihariye kureba ubuyobozi bwa roho, kugomba kuzagenda kuba karemano ku muyobozi wa roho mu gihe azagenda arushaho kwiga kumenya no kwitwara imbere y'ukwishyira ukizana kw'umukristu, uba aganira na Kristu abimunyujijeho; umuyobozi wa roho agomba kwiyumvisha neza ku buryo budasubirwaho ubutumwa bwe n'ubuzima bwe bwite ko aba ari imbere y'Imana, ko akora kubera ikuzo ry'Imana, bikagirira akamaro muntu, Kiliziya ndetse ko abikora kubera umukiro w'isi yose.

### 3. Amabanga n'indi mipaka yihariye y'itumanaho

Uretse ibirebana n'urukiko rw'iby'ibanga yerekeye amasakramentu cyangwa bitari amasakramentu, kubwira umuntu ibintu mu buryo bw'ibanga kimwe n'icyo bita "ibanga ry'akazi", rigirwa n'abantu bo mu ngeri zitandukanye, byaba mu rwego rwa sosiyeti siviri cyanga se byaba no mu muryango wa Kiliziya, bigendeye ku nshingano zihariye baba bafite yaba buri muntu ku giti cye cyangwa byaba muri rusange, nabyo ni ibanga ry'ubundi bwoko.

[9] Reba IBIRO BYA PAPA BISHINZWE URWEGO RW'ISHYIRWA MU BATAGATIFU, *Sanctorum mater*. Amabwiriza kuri anketi zikorwa ku rwego rwa diyosezi cyangwa rwa eparikiya mu bijyanye n'ishyirwa mu rwego rw'abatagatifu (17 Gicurasi 2007), ingingo ya 101, igika cya 2.

Bene aya mabanga, hashingiwe ku itegeko karemano, agomba kubahirizwa, «uretse – nk'uko bishimangirwa na Gatigisimu ya Kiliziya Gatolika mu n. 2491 – mugihe bitewe n'impamvu zidasanzwe ukubika ibanga kwatera igihombo gikomeye cyane ku ubitsa ibanga, utagomba kurimenya cyangwa undi kandi kikaba kitakwirindwa uretse gusa gushyira hanze ukuri».

Urugero rwihariye rw'ibanga ni urw' "ibanga rya papa", ryubahirizwa bigendeye k'ukurahira kurishamikiyeho ryo gusohoza inshingano izi n'izi bikorewe Intebe ya Gishumba. Niba ukurahira kugomba kubahirizwa igihe cyose n'uwabirahiriye *coram Deo* (imbere y'Imana), irahira rishingiye ku "ibanga rya Papa" ribereyeho, nk'impamvu igamijwe, inyungu rusange za Kiliziya na *salus animarum* (ubugingo bwa roho). Iryo banga riteganya ko izo nyungu rusange n'ibisabwa ubwabyo bya *salus animarum*, hakubiyemo ku bw' iyo mpamvu imikoreshereze y'amakuru atarebana n'ibanga, bishobora kandi bigomba gusobanurwa neza gusa n'Intebe ya Gishumba, mu izina bwite rya Papa, we Kristu Nyagasani yatoye akamushyiraho nk'ishingiro rigaragaara n'umusingiw'ubumwe bw'ukwemera n'ubw'ukunga ubumwe kwa Kiliziya yose[10].

Ku birebana n'ubundi buryo bw'itumanaho, ryaba irya rusange cyangwa ryigenga, uko ryaba rimeze kose n'imvugo yose rikoresha, ubushishozi bwa Kiliziya bwerekanye igihe cyose, nk'ibigendewaho by'ibanze, "*regola aurea*" (itegeko rya zahabu) ryashyizweho na Nyagasani nk'uko turisnga mu Ivanjiri ya Luka: «Icyo mushaka ko abandi babakorera mujye mukibakorera namwe» (Lk 6, 31). Ni muri ubwo buryo kuvugisha ukuri cyangwa kuguceceka igihe ushaka ku kumenya nta burenganzira afite, hasabwa guhuza ubuzima bwite n'itegeko ry'urukundo rwa kivandimwe, hagamijwe icyiza n'umutekano by'undi, kubaha ubuzima bwihariye n'inyungu rusange[11].

Nk'inshingano zihariye zo kuvugisha ukuri, gushingiye ku rukundo rwa kivandimwe, ntitwabura kuvuga "gukosorana bya kivandimwe", mu nzego zako zitandukanye, kwigishijwe na Nyagasani. Uko gukosorana kugomba kuba urugero rwo kugenderaho, igihe ari ngombwa bitewe n'uko ibintu bimeze, byakemerwa cyangwa bikaba byasabwa: «niba umuvandimwe wawe agucumuyeho, mugire inama muri mwenyine; nakumva uzaba ukijije umuvandimwe wawe; natakumva, uzitwaze undi muntu cyangwa babiri, guhirango buri kimwe gicyemurwe biturutse ku ijambo ry'abagabo babiri cyangwa batatu. Naramuka atumvise abo ngabo, umuregere umuryango» (Mt 18, 15-17).

Muri iki gihe cy'ubwinshi bw'itumanaho, aho buri nkuru "isamirwa hejuru", igasiga ihutaje igice cy'ubuzima bwa bamwe, ni ngombwa kongera kwiga no kumenya imbara ijambo rigira, ubushobozi busenya bwaryo, ariko hakigwa na none ububasha bwaryo bushobora gusenya; tugomba kuba maso kugira ngo ntihagire umena ibanga rya penetensiya kandi ibanga rya ngombwa rishingiye ku murimo wa kiliziya rihore ririnzwe neza, hagamijwe ikintu kimwe cy'ingenzi aricyo ukuri n'inyungu za muntu.

---

[10] Reba INAMA NKURU YA VATIKANI II, Inyandiko-nshingiro y'amahame kuri Kiliziya *Lumen gentium* (21 Ugushyingo 1964), n. 18.
[11] Reba *Gatigisimu ya Kiliziya Gatolika*, n. 2489.

Twiyambaze Roho Mutagatifu, dusabire Kiliziya yose urukundo ruhamye rw'ukuri muri buri rwego na buri gihe cy'ubuzima bwacu. Ubushobozi bwo kugusigasira uko kwakabaye mu kwamamaza ivangiri ku kiremwa cyose, kwitegura kuba umumaritiri kubera kurengera ubudahungabana bw'ibanga rya penetensiya, kimwe n'ukwigengesera n'ubushishozi bwa ngombwa mu kwirinda kwifashisha no gukoresha nabi amakuru y'ubuzima bwite bwa muntu, mbonezamubano n'ubwa Kiliziya, bishobora kwangiza izina n'agaciro by'umuntu n'Ukuri ukwako, ari ko Kristu, Nyagasani n'Umuyobozi wa Kiliziya iteka.

Mu kurinda neza ibanga tya penetensiya n'ubushishozi bwa ngombwa bushamikiye ku rukiko rw'iby'ibanga bitari amasakramentu no ku bindi bikorwa by'ubutumwa, byerekana muri makeisano iri hagati ya Petero na Maria muri Kiliziya.

Nka Petero, Umugeni wa Kristu arinda, kugeza ku ndunduro y'amateka, umwanya washyizweho w' "ububasha bw'infunguzo"; Nka Mariya Mutagatifu, Kiliziya ishyingura «ibyo byose mu mutima wayo» (Lk 2,51b), izi neza ko muri byo hazasohokamo rwa rumuri ruboneshereza buri muntu kandi ko, rugomba kurindwa, kurengerwa no kubungwabungwa muri buri mwanya uzira inenge hagati y'umutimanama w'umuntu n'Imana.

*Umushumba wa Kiliziya y'isi yose, Papa Fransisko, tariki ya 21 Kamena 2019, yemeje uru rwandiko-kitonderwa. Kandi ategeka ko rwatangazwa.*

*Bikorewe i Roma ku cyicaro cya PenitenieriyaApostoliki, kuwa 29 Kamena,umwaka wa Nyagasani 2019, ku Munsi mukuru w'Abatagatifu Petero na Paolo Intumwa.*

**Karid. Mauro Piacenza**
**Penitensiyere Mukuru**

**Museny. Krzsztof Nykiel**
**Umuyobozi**